

**ITEKA RYA PEREZIDA N°110/01 RYO KUWA 15/10/2015 RISHYIRAHO INOTI NSHYA Y'IGIHUMBI Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA (1000 FRW) IFITE AGACIRO MU RWANDA**

**PRESIDENTIAL ORDER N°110/01 OF 15/10/2015 ISSUING A NEW BANKNOTE OF ONE THOUSAND RWANDAN FRANCS (1000 FRW), WHICH IS LEGAL TENDER IN RWANDA**

**ARRETE PRESIDENTIEL N°110/01 DU 15/10/2015 PORTANT EMISSION D'UN NOUVEAU BILLET DE BANQUE DE MILLE FRANCS RWANDAIS (1000 FRW) AYANT COURS LEGAL AU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere : icyo iri teka rigamije**

**Article One : Purpose of this Order**

**Article Premier : Objet du présent arrêté**

**Ingingo ya 2 : Ikoreshwa ry'inoti nshya**

**Article 2: Circulation of the new banknote**

**Article 2 : Circulation du nouveau billet de banque**

**Ingingo ya 3 : Abashinzwe kubahiriza iri teka**

**Article 3 : Authorities responsible for the implementation of this Order**

**Article 3 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

**Ingingo ya 4 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuraniye n'iri teka**

**Article 4: Repealing provision**

**Article 4 : Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 5 : Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

**Article 5 : Commencement**

**Article 5 : Entrée en vigueur**

*Official Gazette n° Special of 16/10/2015*

**ITEKA RYA PEREZIDA N°110/01 RYO KUWA 15/10/2015 RISHYIRAHO INOTI NSHYA Y'IGIHUMBI Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA (1000 FRW) IFITE AGACIRO MU RWANDA**

**PRESIDENTIAL ORDER N°110/01 OF 15/10/2015 ISSUING A NEW BANKNOTE OF ONE THOUSAND RWANDAN FRANCS (1000 FRW), WHICH IS LEGAL TENDER IN RWANDA**

**ARRETE PRESIDENTIEL N°110/01 DU 15/10/2015 PORTANT EMISSION D'UN NOUVEAU BILLET DE BANQUE DE MILLE FRANCS RWANDAIS (1000 FRW) AYANT COURS LEGAL AU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika y'u Rwanda;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic of Rwanda;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République du Rwanda;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 111, iya 112, iya 113, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June, 2003 as amended to date, especially in its articles 111, 112, 113, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 111, 112, 113, 121 et 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 55/2007 ryo kuwa 30/11/2007 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 34, iya 35 n'ya 36;

Pursuant to Law n° 55/2007 of 30/11/2007 governing the Central Bank of Rwanda, especially in articles 6, 34, 35 and 36;

Vu la Loi n° 55/2007 du 30/11/2007 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 6, 34, 35 et 36;

Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;

Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Economique;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 09/09/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 09/09/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministre en sa séance du 09/09/2015;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :**

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**AVONS ARRETE ET ARRETONS :**

**Ingingo ya mbere :** Icyo iri teka rigamije

**Article One :** Purpose of this Order

**Article Premier:** Objet du présent arrêté

Iri teka rishyiraho inoti nshya y'igihumbi y'amafaranga y'u Rwanda (1000 Frw) ishyizweho na Banki Nkuru y'u Rwanda kandi ifite ibimenyetso by'ingenzi bisobanuwe mu mugereka w'iri teka. Iyi noti ifite

This Order issues a new banknote of one thousand Rwandan Francs (1000 Frw) issued by the National Bank of Rwanda and whose principal characteristics are specified in the annex of this

Le présent arrêté porte sur l'émission d'un nouveau billet de banque de mille franc rwandais (1000 Frw) émis par la Banque Nationale du Rwanda et dont les caractéristiques sont spécifiées

*Official Gazette n° Special of 16/10/2015*

agaciro mu Rwanda.

Order. The note is hereby issued with legal tender in Rwanda.

à l'annexe du présent arrêté et ayant cours légal au Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ikoreshwa ry'inoti nshya**

**Article 2: Circulation of the new banknote**

**Article 2 : Circulation du nouveau billet de banque**

Inoti nshya y'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1000 Frw), izakoreshwa hamwe n'inoti zisanzwe z'amafaranga y'u Rwanda magana atanu (500 Frw), igihumbi (1000 Frw), ibihumbi bibiri (2000 Frw) n'iy' ibihumbi bitanu (5000 Frw) kandi zifite agaciro mu Rwanda.

The new banknote of one thousand Rwandan Francs (1000 Frw) shall be used simultaneously with the existing banknotes of five hundred Rwandan Francs (500 Frw), one thousand Rwandan Francs (1000 Frw), two thousand Rwandan Francs (2000 Frw), and five thousand Rwandan Francs (5000 Frw) which are in circulation and with legal tender in Rwanda.

Le nouveau billet de banque de mille Francs Rwandais (1000 Frw) sera utilisé simultanément avec les billets de banque de cinq cents franc rwandais (500 Frw), mille francs rwandais (1000 Frw), deux mille francs rwandais (2000 Frw) et de cinq mille francs rwandais (5000 Frw) actuellement en circulation et ayant cours légal au Rwanda.

**Ingingo ya 3: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

**Article 3: Authorities responsible for the implementation of this order**

**Article 3: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'iri teka.

The Prime Minister and the Minister of Finance and Economic Planning are responsible for the implementation of this Order.

Le Premier Ministre et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teko**

**Article 4: Repealing provisions**

**Article 4: Dispositions abrogatoires**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures et contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 5: Igihe iri Teko ritangira gukurikizwa**

**Article 5: Commencement**

**Article 5: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 15/10/2015

Kigali, on 15/10/2015

Kigali, le 15/10/2015

*Official Gazette n° Special of 16/10/2015*

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMUGEREKA KU ITEKA RYA PEREZIDA  
N°110/01 RYO KUWA 15/10/2015  
RISHYIRAHO INOTI NSHYA  
Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA IGIHUMBI  
(1000 FRW) IFITE AGACIRO MU RWANDA

ANNEX TO THE PRESIDENTIAL ORDER N°110/01  
OF 15/10/2015 ISSUING A NEW BANKNOTE OF ONE  
THOUSAND RWANDAN FRANCS (1000 FRW)  
WHICH IS LEGAL TENDER IN RWANDA

ANNEXE A L'ARRETE PRESIDENTIEL  
N°110/01 DU 15/10/2015 PORTANT  
EMISSION D'UN NOUVEAU BILLET DE  
BANQUE DE MILLE FRANCS RWANDAIS  
(1000FRW) AYANT COURS LEGAL AU  
RWANDA

**A. IBIRANGA INOTI NSHYA  
Y'AMAFARANGA IGIHUMBI**

- Uko ingana: 140 mm x 72 mm
- Ishusho igaragara muri iyo noti: Ikirangantego cya Repubulika y'u Rwanda n'inyuguti "BNR" muni yacyo
- Ibara ryiganjemo: Ubururu

**1. Imbere hayo**

**a) Amagambo**

- "BANKI NKURU Y'U RWANDA" yanditse mu ruhanda rwo hejuru;
- "AMAFARANGA IGIHUMBI" yanditse mu ruhanda rwo hejuru;
- "Iyi noti yemewe n'amategeko" yanditse muni y'amagambo "BANKI NKURU Y'U RWANDA"

**b) Ibindi bimenyetso**

- Igishushanyo kigaragara: Inzu ndangamurage y'u Rwanda;

**A. SPECIFICATIONS OF THE BANKNOTE OF  
ONE THOUSAND FRANCS**

- Size: 140 mm x 72 mm
- Watermark: Coat of arms of the Republic of Rwanda and an electrotype representing the logo "BNR" below it
- Dominant Colour: Blue

**1. Front**

**a) Wording**

- "BANKI NKURU Y'U RWANDA" printed on the upper part;
- "AMAFARANGA IGIHUMBI" printed in the lower part;
- "Iyi noti yemewe n'amategeko" printed below the words "BANKI NKURU Y'U RWANDA"

**b) Other characteristics**

- The Principal design: The National Museum of Rwanda;

**A. DESCRIPTIONS DU NOUVEAU  
BILLET DE MILLE FRANCS**

- Dimension: 140 mm x 72 mm
- Filigrane: Armoiries de la République du Rwanda avec un « électrotype » représentant les lettres « BNR » en dessous.
- Couleur dominante : Bleu

**1. Recto**

**a) Mentions**

- "BANKI NKURU Y'U RWANDA" imprimée à la partie supérieure;
- "AMAFARANGA IGIHUMBI" imprimée à la partie inférieure;
- "Iyi noti yemewe n'amategeko" imprimée en-dessous des mots "BANKI NKURU Y'U RWANDA"

**b) Autres caractéristiques**

- Image principale: Immeuble du Musée National du Rwanda

*Official Gazette n° Special of 16/10/2015*

- Agaciro k'inoti mu mibare itambitse muri buri nguni uretse mu ruhande rwo hejuru iburyo;
- Igishushanyo munsu y'amagambo "IYI NOTI YEMEWE N'AMATEGEKO" gihinguranya inoti kigizwe n'umubare 1000 bitewe n'icyerekezo uyifashemo;
- Itariki inoti yakoreweho hagati y'umukono w'Umuyobozi wa Banki n' uw'uwumuyobozi wa banki Wungirije;
- Numero y'inoti mu ibara ry'umukara itambitse mu nguni yo hejuru iburyo, ni bumoso i hagaritse;
- Igishushanyo cya mpande esheshatu kirimo ishusho y'inuma hagati ihinduranya n'ijambo "BNR" bitewe naho werekeje inoti;
- Inoti nshya y'igihumbi irebwe imbere hari ishusho y'inuma ihinduranya amabara biva mucyatsi kibisi bikajya mu bururu hanyuma ukabona ishusho y'impeta isa nizenguruka;
- Uduzapfu tubengerana dukwirakwiye kuri buri ruhande rw'inoti tugaragara ku rumuri "Ultraviolet";
- Itariki inoti yakoreweho : 01.05.2015
- The face value of the note is written horizontally in each corner except on the upper right corner;
- The transparent image of the number "1000" below words "IYI NOTI YEMEWE N'AMATEGEKO" depending on the disposition of the note;
- The date of issue between the Governor's signature and Vice Governor's signature;
- Serial number of the note printed horizontally in black color in the upper right corner and vertically on the left side;
- A hexagonal picture with an image of a flying dove inside shifting to words "BNR" depending on the disposition of the note;
- On the front of one thousand francs banknote, there is an image of a flying dove changing colour from dark green to blue depending on position from green to blue and a bright ring seen on a circular movement;
- The invisible fibres scattered on each side of the note fluorescent under ultraviolet light;
- The date of issue of the note: 01.05.2015.
- La valeur faciale du billet inscrite horizontalement dans chaque coin à l'exception de la partie supérieure à droite;
- Une Image transparente du nombre « 1000 » en dessous des mots « IYI NOTI YEMEWE N'AMATEGEKO » selon la disposition du billet ;
- Date d'émission du billet entre de la signature du Gouverneur et du Vice-Gouverneur;
- Numéro du billet inscrit horizontalement en couleur noire dans le coin supérieur à droite et un autre inscrit verticalement sur la partie gauche;
- Une forme hexagonale avec image d'un pigeon à l'intérieur changeant en mot « BNR » en fonction de la disposition du billet ;
- Au recto du nouveau billet de mille francs se trouve l'image d'un pigeon volant et changeant de couleur verte en couleur bleu selon la position dans laquelle le billet est tenu ;
- Fibres invisibles éparpillées sur chaque côté du billet fluorescentes sous la lumière ultraviolette ;
- Date d'émission du billet: 01.05.2015

**2. Inyuma h'inoti**

**a) Amagambo**

- “NATIONAL BANK OF RWANDA” yanditse ku ruhande rwo hejuru;
- “THIS NOTE IS LEGAL TENDER” yanditse muni y'amagambo “ NATIONAL BANK OF RWANDA”
- “ONE THOUSAND FRANCS” yanditse muni y'amagambo ” “ THIS NOTE IS LEGAL TENDER”

**b ) Ibindi bimenyetso**

- Inguge iri muri Pariki y'Ibirunga
- Agaciro k'inoti mu mibare itambitse mu inguni zose z'inoti
- Igishushanyo gihinguranya inoti mu nguni y'iburyo hejuru kigizwe n'umubare ucuritse wa 1000 bitewe n'icyerekezo uyifashemo;
- Inyandiko nto zigizwe n' inyuguti “BNR” n'umubare “1000” mu gashumi k' icyatsi gahindura ibara ry'umutuku bitewe nicyerekezo uyifashemo kari mu ruhande ry'ibumoso.

**2. Back**

**a) Wording**

- “NATIONAL BANK OF RWANDA” printed on the upper part;
- “THIS NOTE IS LEGAL TENDER” printed under the words “NATIONAL BANK OF RWANDA”
- “ONE THOUSAND FRANCS” printed just under the words ” “THIS NOTE IS LEGAL TENDER”

**b) Other characteristics**

- Golden monkey in the Volcano National Park;
- The face value of the note written horizontally in all corners of the banknote;
- The transparent image on the note in upper right composed by reversed number of “1000” depending on the disposition of the note
- A windowed security thread in which the micro text reads "BNR" and the number “1000” changes colour red to green, located on the left side of the note.

**2. Verso**

**a) Mentions**

- “NATIONAL BANK OF RWANDA” imprimée à la partie supérieure ;
- “THIS NOTE IS LEGAL TENDER” imprimée en dessous des mots “ NATIONAL BANK OF RWANDA”;
- “TWO THOUSAND FRANCS” imprimée juste en dessous de mots “THIS NOTE IS LEGAL TENDER”

**b) Autres caractéristiques**

- Un singe doré du Parc des Volcans;  
La valeur faciale du billet inscrite horizontalement dans tous les coins du billet;
- Image transparente sur le billet dans le coin supérieur à droite composé du nombre renversé de “1000” selon la disposition du billet.
- Un fil de sécurité fenêtré dans lequel on lit le micro texte « BNR » et le chiffre « 1000 » tout le long du fil avec couleur changeante du rouge au vert, situé à la partie gauche du billet.

*Official Gazette n° Special of 16/10/2015*

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Perezida n°110/01 ryo ku wa 15/10/2015 rishyiraho inoti nshya y'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1000 Frw) ifite agaciro mu Rwanda.**

Kigali, ku wa 15/10/2015

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to the Presidential Order n°110/01 of 15/10/2015 issuing a new banknote of one thousand Rwandan Francs (1000 Frw) which is legal tender in Rwanda.**

Kigali, on 15/10/2015

(sé)  
**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à l'Arrêté Présidentiel n°110/01 du 15/10/2015 portant émission d'un nouveau billet de banque de mille francs rwandais (1000 Frw) ayant cours légal au Rwanda.**

Kigali, le 15/10/2015

(sé)  
**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux